**Umwaka wa 62**
**Igazeti ya Leta n° Idasanzwe Bis yo ku wa 30/03/2023**

**Year 62**
**Official Gazette n° Special Bis of 30/03/2023**

**62ème Année**
**Journal Officiel n° Spécial Bis du 30/03/2023**

## *Ibirimo/Summary/Sommaire* *page/urup.*

### ***Amategeko/ Laws/ Lois***

Itegeko nº 017/2023 ryo ku wa 30/03/2023 rihindura Itegeko nº 13bis/2014 ryo ku wa 21/05/2014 rigenga umurimo w'ubunoteri …………………………………………………….. 2
Law nº 017/2023 of 30/03/2023 amending Law nº 13bis/2014 of 21/05/2014 governing the office of notary …………………………..…………………………………………………….. 2
Loi n° 017/2023 du 30/03/2023 modifiant la Loi nº 13bis/2014 du 21/05/2014 régissant la fonction de notaire ……………………………………………………………………………….. 2

Itegeko n° 018/2023 ryo ku wa 30/03/2023 rihindura Itegeko nº 008/2021 ryo ku wa 16/02/2021 rigenga ubufatanye mu bucuruzi ………………………..………………..……………….. 12
Law n° 018/2023 of 30/03/2023 amending Law nº 008/2021 of 16/02/2021 governing partnerships ………………………...…………………..…………………….……….….. 12
Loi nº 018/2023 du 30/03/2023 modifiant la Loi n° 008/2021 du 16/02/2021 régissant les sociétés de personnes ………………………..…………………………………………….. 12

Itegeko n° 019/2023 ryo ku wa 30/03/2023 rihindura Itegeko n° 007/2021 ryo ku wa 05/02/2021 rigenga amasosiyete y'ubucuruzi ……..……………………………………………………. 55
Law n° 019/2023 of 30/03/2023 amending Law n° 007/2021 of 05/02/2021 governing companies ………………………………….…...………………………………………….. 55
Loi n° 019/2023 du 30/03/2023 modifiant la loi n° 007/2021 du 05/02/2021 régissant les sociétés commerciales …………………..…………………………………………………….. 55

| ITEGEKO Nº 017/2023 RYO KU WA 30/03/2023 RIHINDURA ITEGEKO Nº 13bis/2014 RYO KU WA 21/05/2014 RIGENGA UMURIMO W'UBUNOTERI | LAW Nº 017/2023 OF 30/03/2023 AMENDING LAW Nº 13bis/2014 OF 21/05/2014 GOVERNING THE OFFICE OF NOTARY | LOI N° 017/2023 DU 30/03/2023 MODIFIANT LA LOI Nº 13bis/2014 DU 21/05/2014 RÉGISSANT LA FONCTION DE NOTAIRE |
|---|---|---|
| **ISHAKIRO** | **TABLE OF CONTENTS** | **TABLE DES MATIÈRES** |
| **Ingingo ya mbere: Isobanura**<br><br>**Ingingo ya 2: Uburyo serivisi z'umunoteri zitangwa**<br><br>**Ingingo ya 3: Ibyo usaba kuba umunoteri wikorera agomba kuba yujuje**<br><br>**Ingingo ya 4: Amakosa n'ibihano byo mu rwego rw'akazi**<br><br>**Ingingo ya 5 : Impamvu zituma umunoteri wikorera yamburwa ububasha**<br><br>**Ingingo ya 6: Agaciro k'inyandiko iriho umukono w'umunoteri wo mu mahanga**<br><br>**Ingingo ya 7: Ingingo y'ururimi**<br><br>**Ingingo ya 8: Gutangira gukurikizwa** | **Article One: Interpretation**<br><br>**Article 2: Modalities for the provision of notarial services**<br><br>**Article 3: Requirements for whoever wishes to be a private notary**<br><br>**Article 4: Disciplinary faults and sanctions**<br><br>**Article 5: Reasons for removal from office of private notary**<br><br>**Article 6: Probative value of a deed notarized by a foreign notary**<br><br>**Article 7: Language provision**<br><br>**Article 8: Entry into force** | **Article premier : Interprétation**<br><br>**Article 2 : Modalités de prestation des services notariaux**<br><br>**Article 3 : Conditions requises pour quiconque désire être notaire privé**<br><br>**Article 4 : Fautes et sanctions disciplinaires**<br><br>**Article 5 : Causes de révocation du notaire privé**<br><br>**Article 6 : Force probante d'un acte notarié par un notaire étranger**<br><br>**Article 7 : Disposition linguistique**<br><br>**Article 8 : Entrée en vigueur** |

| | | |
|---|---|---|
| **ITEGEKO Nº 017/2023 RYO KU WA 30/03/2023 RIHINDURA ITEGEKO Nº 13bis/2014 RYO KU WA 21/05/2014 RIGENGA UMURIMO W'UBUNOTERI** | **LAW Nº 017/2023 OF 30/03/2023 AMENDING LAW Nº 13bis/2014 OF 21/05/2014 GOVERNING THE OFFICE OF NOTARY** | **LOI N° 017/2023 DU 30/03/2023 MODIFIANT LA LOI Nº 13bis/2014 DU 21/05/2014 RÉGISSANT LA FONCTION DE NOTAIRE** |
| **Twebwe, KAGAME Paul,**<br>Perezida wa Repubulika; | **We, KAGAME Paul,**<br>President of the Republic; | **Nous, KAGAME Paul,**<br>Président de la République ; |
| **INTEKO ISHINGA AMATEGEKO YEMEJE NONE NATWE DUHAMIJE, DUTANGAJE ITEGEKO RITEYE RITYA KANDI DUTEGETSE KO RITANGAZWA MU IGAZETI YA LETA YA REPUBULIKA Y' U RWANDA** | **THE PARLIAMENT HAS ADOPTED AND WE SANCTION, PROMULGATE THE FOLLOWING LAW AND ORDER IT BE PUBLISHED IN THE OFFICIAL GAZETTE OF THE REPUBLIC OF RWANDA** | **LE PARLEMENT A ADOPTÉ ET NOUS SANCTIONNONS, PROMULGUONS LA LOI DONT LA TENEUR SUIT ET ORDONNONS QU'ELLE SOIT PUBLIÉE AU JOURNAL OFFICIEL DE LA RÉPUBLIQUE DU RWANDA** |
| **INTEKO ISHINGA AMATEGEKO:** | **THE PARLIAMENT:** | **LE PARLEMENT :** |
| Umutwe w'Abadepite, mu nama yawo yo ku wa 23 Werurwe 2023; | The Chamber of Deputies, in its sitting of 23 March 2023; | La Chambre des Députés, en sa séance du 23 Mars 2023 ; |
| Ishingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo 2003 ryavuguruwe mu 2015, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 64, iya 69**,** iya 70**,** iya 88**,** iya 90, iya 91, iya 93, iya 106, iya 120, iya 121, iya 122 n'iya 176; | Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 2003 revised in 2015, especially in Articles 64, 69, 70, 88, 90, 91, 93, 106, 120, 121, 122 and 176; | Vu la Constitution de la République du Rwanda de 2003 révisée en 2015, spécialement en ses articles 64, 69, 70, 88, 90, 91, 93, 106, 120, 121, 122 et 176 ; |
| Isubiye ku Itegeko nº 13bis/2014 ryo ku wa 21/05/2014 rigenga umurimo w'ubunoteri; | Having reviewed Law nº 13bis/2014 of 21/05/2014 governing the office of notary; | Revu la Loi nº 13bis/2014 du 21/05/2014 régissant la fonction de notaire ; |
| **YEMEJE:** | **ADOPTS:** | **ADOPTE :** |

**Ingingo ya mbere: Isobanura**

Ingingo ya 2 y'Itegeko nº 13bis/2014 ryo ku wa 21/05/2014 rigenga umurimo w'ubunoteri ihinduwe ku buryo bukurikira:

**"Ingingo ya 2: Isobanura**

Muri iri tegeko:

**(a)** **"Inyandiko ihamije"** bivuga inyandiko ishyiriweho umukono imbere y'umunoteri cyangwa hifashishijwe uburyo bw'ikoranabuhanga kandi iriho umukono na kashi by'umunoteri;

**(b)** **"inyandiko iriho umukono w'umunoteri"** bivuga inyandiko iyo ari yo yose iriho umukono na kashi by'umunoteri;

**(c)** **"inyandiko mpamo"** bivuga inyandiko yanditswe cyangwa yakiranywe imihango yabugenewe n'umukozi wa Leta ufite ububasha bwo gukorera mu ifasi y'aho yandikiwe;

**(d)** **"Minisiteri"** bivuga Minisiteri ifite ubutabera mu nshingano;

**(e)** **"Minisitiri"** bivuga Minisitiri ufite

**Article One: Interpretation**

Article 2 of Law nº 13bis/2014 of 21/05/2014 governing the office of notary is amended as follows:

**"Article 2: Interpretation**

In this Law:

(a) **"notarized deed"** means a deed that has been signed before a notary or electronically and bears the notary's signature and stamp;

(b) **"notarized document"** means any document signed and stamped by the notary;

(c) **"authentic deed"** means a deed which has been drawn up or received, with requisite formalities, by a public official empowered to act in the place where it was drawn up;

(d) **"Ministry"** means the Ministry in charge of justice;

(e) **"Minister"** means the Minister in

**Article premier : Interprétation**

L'article 2 de la Loi nº 13bis/2014 du 21/05/2014 régissant la fonction de notaire est modifié comme suit :

« **Article 2 : Interprétation**

Dans la présente loi :

(a) **« acte notarié »** signifie un acte signé devant un notaire ou par voie électronique et portant la signature et le cachet du notaire;

(b) **« document notarié »** signifie tout document portant la signature et le cachet du notaire;

(c) **« acte authentique »** signifie un acte établi ou reçu, avec les solennités requises, par un agent de l'État habilité à instrumenter dans le lieu d'établissement dudit acte ;

(d) **« Ministère »** signifie le Ministère ayant la justice dans ses attributions ;

(e) **« Ministre »** signifie le Ministre ayant la

| | | |
|---|---|---|
| ubutabera mu nshingano; | charge of justice; | justice dans ses attributions ; |
| **(f)** **“umunoteri”** bivuga umukozi wa Leta cyangwa undi muntu wikorera wabiherewe ububasha na Minisitiri, ufite ubushobozi bwo gukora inyandiko, kwakira cyangwa gufasha mu kuzishyiraho umukono kugira ngo zibe inyandiko mpamo mu rwego rw’amategeko no kwemeza ko amakopi y’izo nyandiko ahuye n’inyandiko z’umwimerere hakurikijwe ububasha ahabwa n’iri tegeko; | (f) **“notary”** means a public official or any other person engaged in private practice authorised by the Minister, who is empowered to draw up deeds, receive deeds or act as witness to the signing thereof to make such deeds legally authentic and certify copies as being true copies of originals by virtue of powers conferred upon him or her by this Law; | (f) **« notaire »** signifie un agent de l’État ou toute autre personne exerçant à titre privé habilitée par le Ministre, ayant l’autorité d’établir, de recevoir des actes ou d’assister à leur signature pour les rendre légalement authentiques et d’attester la conformité des copies à leurs originaux en vertu des compétences que la présente loi lui confère ; |
| **(g)** **“umuntu”** akubiyemo umuntu ku giti cye, isosiyete y’ubucuruzi, umuryango, koperative, ikigo, urwego bifite ubuzima gatozi cyangwa ubufatanye mu bucuruzi”. | (g) **“person”** includes a natural person, company, organisation, cooperative, enterprise, organ with legal personality or a partnership”. | (g) **« personne »** comprend une personne physique, une société commerciale, une organisation, une coopérative, une entreprise, un organe dotés de la personnalité juridique ou une société de personnes ». |
| **<u>Ingingo ya 2</u>: Uburyo serivisi z’umunoteri zitangwa** | **<u>Article 2</u>: Modalities for the provision of notarial services** | **<u>Article 2</u> : Modalités de prestation des services notariaux** |
| Mu Itegeko n° 13bis/2014 ryo ku wa 21/05/2014 rigenga umurimo w’ubunoteri hongewemo ingingo ya 2 bis iteye ku buryo bukurikira: | An Article 2 bis is inserted in Law n° 13bis/2014 of 21/05/2014 governing the office of notary, which is worded as follows: | Dans la Loi n° 13bis/2014 du 21/05/2014 régissant la fonction de notaire, il est inséré un article 2 bis libellé comme suit : |
| **«<u>Ingingo ya 2bis</u>: Uburyo serivisi z’umunoteri zitangwa** | **« <u>Article 2 bis</u>: Modalities for the provision of notarial services** | **« <u>Article 2 bis</u> : Modalités de prestation des services notariaux** |
| (1) Serivisi z’umunoteri zitangwa usaba serivisi ari imbere | (1) Notarial services are provided either when the person requesting them is | (1) Les services notariaux sont prestés soit lorsque la personne qui en fait la |

| | | |
|---|---|---|
| y'umunoteri cyangwa hifashishijwe uburyo bw' ikoranabuhanga; | present before the notary or electronically; | demande est présente devant le notaire, soit par voie électronique ; |
| (2) Iteka rya Minisitiri rigena uburyo serivisi z'umunoteri zitangwa hifashishijwe uburyo bw'ikoranabuhanga». | (2) An Order of the Minister determines the modalities for the provision by electronic means of notarial services". | (2) Un arrêté du Ministre détermine les modalités de prestation des services notariaux par voie électronique ». |
| **<u>Ingingo ya 3</u>: Ibyo usaba kuba umunoteri wikorera agomba kuba yujuje** | **<u>Article 3</u>: Requirements for whoever wishes to be a private notary** | **<u>Article 3</u> : Conditions requises pour quiconque désire être notaire privé** |
| Ingingo ya 4 y'Itegeko n° 13bis/2014 ryo ku wa 21/05/2014 rigenga umurimo w'ubunoteri ihinduwe ku buryo bukurikira**:** " | Article 4 of Law n° 13bis/2014 of 21/05/2014 governing the office of notary is amended as follows: " | L'article 4 de la Loi n° 13bis/2014 of 21/05/2014 régissant la fonction de notaire est modifié comme suit : « |
| (1) Usaba kuba umunoteri wikorera agomba kuba yujuje ibi bikurikira: | (1) whoever wishes to practice as a private notary must satisfy the following requirements: | (1) Quiconque désire exercer la fonction de notaire privé doit remplir les conditions suivantes : |
| (a) kuba ari Umunyarwanda; | (a) to be a Rwandan national; | (a) être de nationalité rwandaise ; |
| (b) kuba afite nibura imyaka cumi n'umunani (18) y'amavuko; | (b) to be at least eighteen (18) years of age; | (b) être âgé d'au moins de dix-huit (18) ans ; |
| (c) kuba afite nibura impamyabumenyi y'icyiciro cya mbere cy'amashuri makuru mu mategeko cyangwa ihwanye na yo; | (c) to hold at least a bachelor's degree in Law or its equivalent; | (c) être titulaire d'au moins un diplôme de licence en droit ou de son équivalent ; |
| (d) kuba atarakatiwe igihano cy'igifungo cyabaye ndakuka kingana cyangwa kirengeje amezi atandatu, keretse cyarahanaguwe n'imbabazi z'itegeko | (d) not having been definitively sentenced to a term of imprisonment equal to or exceeding six months, unless such a conviction has been | (d) ne pas avoir été condamné définitivement à une peine d'emprisonnement égale ou supérieure à six mois à moins |

| | | |
|---|---|---|
| cyangwa ihanagurabusembwa; | expunged as a result of amnesty or rehabilitation; | qu'une telle condamnation n'ait été radiée sous l'effet d'une amnistie ou d'une réhabilitation ; |
| (e) kuba atarirukanywe ku kazi yakoraga mu butegetsi bwa Leta cyangwa mu rwego rw'abikorera biturutse ku makosa y'imyitwarire keretse yarakorewe ihanagurabusembwa; | (e) not having been removed from office within the public service or private sector as a result of disciplinary breaches unless he or she has been rehabilitated; | (e) ne pas avoir été révoqué de ses fonctions au sein de la fonction publique ou du secteur privé en raison de fautes disciplinaires à moins qu'il n'ait bénéficié d'une réhabilitation; |
| (f) kuba afite uburambe bw'imyaka nibura itatu mu kazi kerekeranye n'amategeko; | (f) to have at least three years of professional experience in the field of Law; | (f) avoir une expérience professionnelle d'au moins trois ans dans le domaine du droit ; |
| (g) kuba ari inyangamugayo". | (g) to be a person of integrity". | (g) être intègre ». |
| **<u>Ingingo ya 4</u>: Amakosa n'ibihano byo mu rwego rw'akazi** | **<u>Article 4</u>: Disciplinary faults and sanctions** | **<u>Article 4</u> : Fautes et sanctions disciplinaires** |
| Ingingo ya 23 y'Itegeko nº 13bis/2014 ryo ku wa 21/05/2014 rigenga umurimo w'ubunoteri ihinduwe ku buryo bukurikira: " | Article 23 of Law nº 13bis/2014 of 21/05/2014 governing the office of notary is amended as follows: " | L'article 23 de la Loi nº 13bis /2014 of 21/05/2014 régissant la fonction de notaire est modifié comme suit : « |
| (1) Bitabangamiye uburyozwe mbonezamubano cyangwa nshinjabyaha bw'ibyo yangije cyangwa yananiwe gukora, umunoteri wa Leta ahanwa hakurijwe itegeko rishyiraho sitati rusange igenga abakozi ba Leta. | (1) Without prejudice to the civil or criminal liability arising from the damage caused by him or her or from his or her failure to perform his or her professional duties, a public notary is subject to sanctions in accordance with the Law establishing the general statute governing public servants. | (1) Sans préjudice de la responsabilité civile ou pénale découlant du dommage causé par lui ou du manquement à ses obligations professionnelles, un notaire public fait l'objet de sanctions conformément à la Loi portant statut général régissant les agents de l'État. |

| | | |
|---|---|---|
| (2) Bitabangamiye uburyozwe mbonezamubano cyangwa nshinjabyaha bw'ibyo yangije cyangwa yananiwe gukora, Minisitiri afatira umunoteri wikorera ibihano bitewe n'uburemere bw'ikosa ryakozwe. | (2) Without prejudice to the civil or criminal liability arising from the damage caused by him or her or from his or her failure to perform his or her professional duties, a private notary is subjected to the sanctions by the Minister following the gravity of the fault. | (2) Sans préjudice de la responsabilité civile ou pénale résultant du dommage causé par lui ou du manquement à ses obligations professionnelles, un notaire privé se voit infliger les sanctions par le Ministre suivant la gravité de la faute commise. |
| (3) Iteka rya Minisitiri rigena amakosa n'ibihano ku munoteri wikorera". | (3) An Order of the Minister determines faults and sanctions for a private notary". | (3) Un arrêté du Ministre détermine les fautes et les sanctions pour un notaire privé ». |
| **<u>Ingingo ya 5</u> : Impamvu zituma umunoteri wikorera yamburwa ububasha** | **<u>Article 5</u>: Reasons for removal from office of private notary** | **<u>Article 5</u> : Causes de révocation du notaire privé** |
| Ingingo ya 24 y'Itegeko nº 13bis/2014 ryo ku wa 21/05/2014 rigenga umurimo w'ubunoteri ivanweho. | Article 24 of Law nº 13 bis /2014 of 21/05/2014 governing the office of notary is repealed. | L'Article 24 de la Loi nº 13bis /2014 of 21/05/2014 régissant la fonction de notaire est abrogée. |
| **<u>Ingingo ya 6</u>: Agaciro k'inyandiko iriho umukono w'umunoteri wo mu mahanga** | **<u>Article 6</u>: Probative value of a deed notarized by a foreign notary** | **<u>Article 6</u> : Force probante d'un acte notarié par un notaire étranger** |
| Ingingo ya 54 y'Itegeko nº 13bis/2014 ryo ku wa 21/05/2014 rigenga umurimo w'ubunoteri ihinduwe ku buryo bukurikira: " | Article 54 of Law nº 13bis/2014 of 21/05/2014 governing the office of notary is amended as follows: " | L'article 54 de la Loi nº 13bis/2014 of 21/05/2014 régissant la fonction de notaire est modifié comme suit : « |
| (1) Inyandiko iriho umukono w'umunoteri wo mu mahanga ibanza kwemerwa ko ari mpamo na Ambasade mu Rwanda y'igihugu iyo nyandiko yakorewemo. | (1) A deed notarized by a foreign notary must be subjected to prior legalization by a diplomatic or consular representation in Rwanda of the country where such a deed is drawn up. | (1) Un acte notarié par un notaire étranger doit être préalablement soumis à la légalisation par une représentation diplomatique ou consulaire au Rwanda du pays d'établissement dudit acte. |

| | | |
|---|---|---|
| (2) Iyo imaze kwemezwa na Ambasade mu Rwanda y'igihugu iyo nyandiko yakorewemo yemezwa na serivisi za Minisiteri ifite ububanyi n'amahanga mu nshingano. | (2) When such a deed is legalized by a diplomatic or consular representation in Rwanda of the country where the deed is drawn up, it is legalized by the competent services of the Ministry in charge of foreign affairs. | (2) Lorsque ledit acte est légalisé par une représentation diplomatique ou consulaire au Rwanda du pays de son établissement, il est légalisé par les services compétents du Ministère ayant les affaires étrangères dans ses attributions. |
| (3) Inyandiko iriho umukono w'umunoteri wo mu mahanga itemejwe hakurikijwe ibiteganywa mu gika cya (1) n'icya (2) by'iyi ngingo, yemerwa gusa iyo biteganywa n'amategeko cyangwa amasezerano mpuzamahanga yemejwe n'u Rwanda. | (3) A deed notarized by a foreign notary that is not legalized in accordance with the provisions of Paragraphs (1) and (2) of this Article is accepted only if so provided by Law or by international instruments ratified by Rwanda. | (3) Un acte notarié par un notaire étranger qui n'est pas légalisé conformément aux dispositions des alinéas (1) et (2) du présent article n'est accepté que s'il est ainsi prévu par la loi ou par les instruments internationaux ratifiés par le Rwanda. |
| (4) Inyandiko ifite icyemezo cyatanzwe n'urwego rubifitiye ububasha mu bihugu bihuriye ku masezerano mpuzamahanga akuraho kubanza kwemeza inyandiko zakorewe mu mahanga, yemerwa mu Rwanda. | (4) A deed accompanied by an apostille issued by a competent authority of the contracting States of the Convention Abolishing the Requirement of Legalization for Foreign Public Documents, is accepted in Rwanda. | (4) Un acte apostillé par l'autorité compétente des États contractants de la convention supprimant l'exigence de la légalisation des actes publics étrangers, est accepté au Rwanda. |
| (5) Haseguriwe ibiteganywa mu gika cya (1), icya (2) n'icya (3) by'iyi ngingo, inyandiko iriho umukono w'umunoteri wo mu mahanga igira agaciro kangana n'ako ifite mu gihugu yakorewemo". | (5) Subject to the provisions of Paragraphs (1), (2) and (3) of this Article, a deed notarized by a foreign notary has the same probative value as in the country where such a deed is drawn up". | (5) Sous réserve des dispositions des alinéas (1), (2) et (3) du présent article, un acte notarié par un notaire étranger, a la même force probante que dans le pays de son établissement ». |
| **<u>Ingingo ya 7</u>: Ingingo y'ururimi** | **<u>Article 7</u>: Language provision** | **<u>Article 7</u> : Disposition linguistique** |
| Iri tegeko ryateguwe mu rurimi rw'Igifaransa, risuzumwa kandi ritorwa mu rurimi | This Law was drafted in French, considered and adopted in Ikinyarwanda. | La présente loi a été initiée en français, examinée et adoptée en Ikinyarwanda. |

| | | |
|---|---|---|
| rw'Ikinyarwanda. | | |
| **<u>Ingingo ya 8:</u> Gutangira gukurikizwa** | **<u>Article 8</u>: Entry into force** | **<u>Article 8</u> : Entrée en vigueur** |
| Iri tegeko ritangira gukurikizwa ku munsi ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda. | This Law comes into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda. | La présente loi entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda. |

| |
|---|
| Kigali, 30/03/2023<br><br>(sé)<br><br>**KAGAME Paul**<br>Perezida wa Repubulika<br>President of the Republic<br>Président de la République |
| (sé)<br><br>**Dr NGIRENTE Edouard**<br>Minisitiri w'Intebe<br>Prime Minister<br>Premier Ministre |
| **Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika:**<br>**Seen and sealed with the Seal of the Republic:**<br>**Vu et scellé du Sceau de la République :**<br><br>(sé)<br><br>**Dr UGIRASHEBUJA Emmanuel**<br>Minisitiri w'Ubutabera akaba n'Intumwa Nkuru ya Leta<br>Minister of Justice and Attorney General<br>Ministre de la Justice et Garde des Sceaux |